

ITANGAZO


GUFUNGURA AHAKORERWA MASSAGE MU RWANDA

Mu rwego rwo gukomeza ingamba za Leta zo kuzahura ubukungu bwahungabanijwe n'icyorezo cya Koronavirusi -19, Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) runejewe no kumenyesha abanyarwanda bose ko ahantu hakorerwa massage hafunguye.

RDB irasaba abatanga serivisi za massage ko mu gukomeza kwirinda icyorezo cya Koronavirusi-19 basabwa kubahiriza amabwiriza akurikira:

- i. Gushyiraho uburyo buboneye bwo gusukura intoki, bakaraba cyangwa bifashisha umuti wica udukoko;
- ii. Gushyiraho uburyo bwo gusukura ibyumba n'ibikoresho byo mu byumba bikorerwamo massage n'ahandi hantu hose abantu bahurira;
- iii. Abakora massage n'abakiliya bagomba kwambara udupfukamunwa igihe cyose;
- iv. Gushyiraho uburyo bwo guha gahunda mbere abashaka gukoresha massage hagamiywe kwirinda ko abakiriya bahahurira ari benshi no gutanga umwanya wo gukora isuku;
- v. Gushyira byibura iminota 15 hagati y'umukiriya n'undi kugirango isuku ikorwe neza kandi hirindwe ko abantu benshi bahurira aho bakirirwa;
- vi. Gushyira ahantu hose hahurira abantu, aho bategerereza no mu bwiherero ibyapa n'amatangazo byibutsa ingamba zo kwirinda icyorezo cya COVID-19 cyane cyane ibirebana no guhana intera, gukaraba intoki, no kubahiriza izindi ngamba za ngombwa;
- vii. Gushishikariza abakiriya kwishyura hakoreshajwe uburyo bw'ikoranabuhanga.

Bikorewe I Kigali,



**Clare Akamanzi
Umuyobozi Mukuru**

